Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga ("IRMCT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekeranye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite.

INCAMAKE Y'IMIRIMO Y'UBUCAMANZA YA IRMCT

Ukurikije manda yayo, IRMCT yashinzwe ibintu bitandukanye, birimo kugenzura irangizwa ry'ibihano, gusuzuma ibyemezo byo mu rwego rw'ubutegetsi, kugena ababuranisha imanza, gusubiramo imanza, imiburanishirize mu bujurire, imanza zerekeye gusuzugura Urukiko, ibyifuzo bisaba gukuraho icyemezo cyo kohereza imanza mu nkiko z'ibihugu, guhindura ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya, korohereza ababikeneye kugera ku nyandiko zerekeye imanza, imenyekanisha ry'ibimenyetso, guhinduka k'urwego rw'umutekano inyandiko zibitswemo, ibyifuzo bisaba indishyi n'ishyirwaho ry'avoka wunganira uregwa.

IRMCT ifite Perezida uhoraho n'abandi Bacamanza bigenga 24 bakomoka mu bihugu 24 badakorera imirimo yabo ku byicaro by'amashami ya IRMCT, uretse iyo bari kuri kimwe muri ibyo byicaro cyangwa bahahamagajwe.

Abaregwa batarafatwa: 8

Imanza z'abaregwa batarafatwa zigomba kuburanishwa na IRMCT: 3
Augustin Bizimana, Félicien Kabuga na Protais Mpiranya

Imanza z'abaregwa batarafatwa zigomba kuburanishwa n'inkiko zo mu Rwanda kandi zamaze koherezwayo na TPIR: 5
Fulgence Kayishema, Charles Sikubwabo, Aloys Ndimbati, Ryandikayo na Phénéas Munyarugarama

Abakatiwe barimo kurangiriza ibihano byabo mu bihugu 13 kandi Perezida agenzura uburyo bafunzwemo: 47

IMANZA ZIKIBURANISHWA*

Imanza zirimo kuburanishwa mu rw'iremezo: 1 | Jovica Stanišić na Franko Simatović

Imanza mu bujurire: 2 | Radovan Karadžić na Ratko Mladić

Imanza zirimo gusubirishwamo ku birebana n'uko zaciwe mu bujurire: 1 | Augustin Ngirabatware

Imanza zerekeye gusuzugura Urukiko no gutanga ubuhamya bw'ikinyoma: 3

Imanza zigenzurwa nyuma yo kwimurirwa mu nkiko z'ibihugu: 5

**Iyi ni incamake gusa y'imanza zose ziburanishwa na IRMCT.*

IBYEMEZO N'AMATEGEKO BYATANZWE*

	2012	2013	2014	2015	2016	2017	2018 *Kugera ku itariki ya 15 Werurwe*	Igiteranyo
Arusha	25	37	100	95	170	112	16	**555**
I Lahe	0	42	92	114	235	294	85	**862**
Igiteranyo	25	79	192	209	405	406	101	**1417**

**Harimo n'ibyemezo n'amategeko bya Perezida, iby'Urugereko rw'Ubujurire, iby'Ingereko za Mbere z'Iremezo n'iby'Umucamanza umwe rukumbi.*